

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: NDorimana Elie

School: E.A.V. KABUTARE.

Class: 4e Agri - 5e Agri Year 1999 - 2000

Subject: MEMOIRE DU GENOCIDE EN 1994.

KNOWLEDGE IS WEALTH

NDORIMANA
ELIE.
4e Apri8.
E.A.N.K.
B.P. 119
TEL = 30 396.

CELLULE : BWERAMA NA
SECTEUR : NYAKOGO
COMMUNE : MASANGO
PERFECTURE : GITARAMA
PAYS = RWANDA
CONTINENT = AFRICA

MWENE RWABUKWISI ESIKON NA
MUKARUTABANA
MERIE.

# AMATEKA KU BYAMBAYEHO MU NTAMBARA Y'ITSEMBABWOKO

Hari mu matariki yo hagati yo mu kwezi kwa kane, ubwo natangiraga kubona abantu benshi bo ku Gikongoro no ku Kibuye bahunga berekeza i Kabgayi aho twari turi twaravugaga ngo ese bahagaze bagahunga kuko byari bitaragera iwacu ngo tumenye uko bimeze dore ko twebwe twari turi n'abana nta cyo tubiziho.

Ubwo bidatinze ntangira kubona batwika amazu, bica inka badusahurira imyaka n'ibindi... icyo gihe papa (Twabukwisi Esiron) yari yagiye agiye gutabara abantu ahageze asanga birakomeye ahita agenda yerekeza i Butare nibwo yahuraga n'umugore wa se wabo afite abana babiri barajyana ndetse n'umukobwa umwe ariwe masenge Mukundaje Elevanithe bagenda berekeza aho i Butare kwa se wabo kuko yari atuye i Butare yari Pasteur w'abadive, uwo mugore wuwo mupasteur yari avuye gusura iwabo i Bweramvura, papa ageze i Gitwe adutemaho atubwira ko yagiye.

Tumaze kubona ko bikomeye nibwo twatangiye gukwirakwira imishwaro kuko mbona akajya aho hose ari inshuti yabo wenda i ro yari igeze nko kubaha inka n'ibindi cyangwa bafitanye ubundi bucuti-

witwagallzayikorera samnete
ubwo jye na mukuru wanjye tuge-
nda twerekeza jyitisi hafi yo myo-
hanga kumugaba witwa visenti
tugezeyo baba batwakiriye twembi
mu gihe byari bitarakomera. Hashi-
ze iminsi nibwo naho interahamwe
zatangiraga ibyo bitaga ngo ni akazi
kakorwaga n'abantu bambaye ama-
shara n'amakoma bitwaja ubuhiri
bwitwaga ntampongano y'umwanzi,
amacumu, imiheto n'imyambi, imbubu-
nda, amagerenade, udushoka twatugeg-
nehe, n'udufuni n'ibindi ........
Ubwo nibwo aho twari ~~twihij~~ interahamwe
zashyiragaho itangazo ngo umuntu
bazasanganga umututsi bazamwica nu-
bwo yaba yari mwene wabo nuko aho
twari turi bagira ubwoba, niba bitari-
no kutwanga simbizi nibwo babwira-
ga mukuru wanjye ngo nagende yirwa-
rize ngo ni mukuru bajya bamubaza
irangamuntu nuko muruherera arage-
ndakati ni tubaho tuzompe Imana niba-
shaka nanjye nti « n'ubwo upiye nanjye
ntaho unsize tuba twajyanye» ariko
ngaho genda n'ubwo ntaho njya Ima-
na nibishaka tuzonpera sinkamenye
ko aribwo bwanyuma, ubwo namuhe-
rutse ubwo. ariko naje kubaza nsanga
yarapiye yerekeza ku ivuko yafategera
akihishahisha bamwe mubo twari
duturanye nka Munyinspire Aimable,
Nyanyampeshyi Welars na Piyo wari
burgadiye wa komine masanga bamu-
fashe geishaka irangamuntu yarabura
tu bamaze kuyibona bapurira umu
sirikare muri bariya bapiye ngo amuhe-
rekeze amujyane mu nkomero

kuko umugabo witwaga Bizimana Zakariya kuko yari ramba yarabonye uko asa nga inkotanyi i ~~Butare~~, nyamara umu sirikare wamujyana bamujyezayo apezeyo baramwibeshya ngo inkotanyi azizize hafi yiwabo muri gafunzo nuko amahuka umuhanda wose yere keza muri gafunzo anyura kuri du wane horiya muri murama arakomeza yerekeza intumbamo ntiyaharenze a-hasanga abahungu bo kwa Cangacanga kuko bari benshi, aberetse irangamu-ntu baramubwira ngo baramuzijyanu umututsi ngo na sekunde baramwishe "Mubire Simion". ubwo baburaga uko yirenguza baba bamutsinze aho ari kubwira ngo inkomenya, niko rero ubwo inkotanyi yari ~~[illegible]~~ azisize mu gatebe hakurya ya duwane, ibyo nibyo namenye ku byabaye mukuru wanjye.

Ubwo nanjye aho nari ndi nta kibazo cyakomeye cyane ku byerekeye imibereho yanjye uretse ugahinda kuko nari jyenyine kandi nkeka ko abanjye bose bapfuye. kuko nari umwana muto kandi nasa n'abana babo ndetse ~~nab~~ na bene wabo ngo bitinyanga, iyo igite-ro cyazaga bakugaga ko ndi uwi nyama nkomeza kubaho gutyo kugeza ko inkotanyi zageze mu ruhango biba ngombwa ko duhunga, ubwo tugiye guhunga umugabo twari duturanye witwaga Niyomuhuta ELIE. Wagaga indorimwe ya nyamata wa ~~kwaga~~ ruhango aratubwira ati ahantu mugiye guhungira nihabi, mushatse mwaza tugasanga inkotanyi

muruhango nabo bati turipfira mu
nterahamwe. ubwo uwo mugabo ntiya
raye npo bamwishe bamukereye u-
muhogo akiheze.
Nuko turapenda dusanga interahamwe
ariko ibyo ntacyo byari bintwaye i-
kibazo nari mfite n'uko twakungaga
twerekeza iwacu aho bari banzi, ubwo
~~duh~~ babonye tugiye kugera hafi yi
wacu umukibaya, baracumbika kuko
babonaga batari bunyurane ku kuhuka
ariko bari barise kaduhuha nuko
turakambika ariko aho twari du-
kambitse hose bari banzi kuko mfe
reyi intambara twajyaga tujya kuha
shora inka. Amahirwe nagize n'uko
mu minsi mike inkotanyi zasaka
ye ipitwe n'imurama hose ziba
zirarashe, zikomye akaruru intera
hamwe ziba zirotumuka ndumva ko
hagiye data we wagiye agasiga agahu
npu kitwa Ehe, nuko zirokoka
ubwo abandi barapenda kuko bari ba
bifitiye uburenganzi aribwo kwitwa
umuhutu, jye witwaga umututsi uta-
ragiraga uburenganzi nsipere aho
cyakora nasanga n'abandi bagore
babiri n'umukecuru nabo twari du
fatanyije agahinda ariko twababaye
nka wamucuranzi kuko ntibari ba
nzi nanjye sinari mbazi bakeka
ga ko ndi interahamwe ndi bubi
nkapenda cyakora npo mumucurenzi
npo yaje kumenya ko umukobwa ya
ri umukazwandazi, amaheve ze
natwe twarashyize turamenyana
Nuti mwamenyanye mute rero?
Ubwo haje umugabo wari utuzi twe
mbi nii muporoba nuko ambaza

amakuru y'iwacu mubwira ko ari
jye uriho gusa abandi bashobora kuba
barapfuye, nuko abwira abo bagore
ko nde umwe nabo ngo ni bagira aho
bajya ntibagusige, nijyo mahirwe na
gize kuko bari kugenda ntabizi inte-
rahamwe zaparuka zije guhumbahumba
zikomevura zipakurura umwanda
doreko bavugaga ngo ni ugukorora,
gukuraho umwanda, ariwo nzoko
arinayo bitaga umututsi ndetse
n'inyenzi ayo n'amwe mu mazina
bifashishaga kugirango babashe gu
cengeza ayo matwara mabi mu batura
ge. Nuko ngira amahirwe tuba turame
nyanye, ndetse turara aho bukeye
ampore umwe muri abo arazamuka
areba ko utwana twe twari twapiye
dukurikiye impunzi baba barandutsi
ye wenda ~~umutwe~~ bakadufata mu min
gota, kuko ~~abo~~ abakuru baho hafi
bari bahoshye nuko ahura n'umuhu
tu witwaga yohana agendagenda ara
mubwira ati « interahamwe zahunze
zagiye muri nyakogo» ariko zigiye
kugaruka zihumbahumbe amaraira
idama nuko twasanga inkotanyi
kuri duwane hafi yigiitwe, agerekaho
ati « muzadusabire imbabazi bene
wenyu b'inyenzi ».

O2.

Nuko twerekeza kuri duwane aho
inkotanyi zari zishinze ibirindiro
zitwakira neza. ubwo tujya mu
ruhanga.

45 45 45 => 2an 40

Uko umuntu yagendaga ahunga yereke-
za mu gace inkotanyi zafashe niko
yagendaga abura na bene wabo
cyangwa abo bavaga inda imwe
Ubwo tumaze kwegerana duta-
ngira kubaza amakuru y'abacu
Ubwo twarabajije dusanga papa na
mama wa mupore bajyanye n'abana be ba-
biri na se wabo bose babiciye
hamwe babashyira mu musara-
ne wari uhari uretse uwo mu-
kobwo bahunganye masenge ara-
bacika arakomeza arabwerabwera
arabacika kugeza intambara ira-
ngiye ni nawe watubwiye uku-
ntu abo bapfuye barimo papa
n'abo bandi bose.
Iyo ntambara ikaba yarahita-
~~ny~~
nye Sogokuru MUHIRE Simioni,+
umuhungu we KAJAHU+ data wacu
witwaga Niyonshuti+ PETERO,+

Umukobwa wa sogokuru Rasheri+
Pasteur Joweri ni we umugore we+ n'abana babiri+ aribo bapfanye na Papa7.

UZAYIKORERE SAMUEL+ NTIHANABAYE EMMANUEL+, abo bombi ni bakuru banjye. aba bose bahitanwe n'intambara y'itsembabwoko yo mukwa kane, bakaba barishwe n'interahamwe uretse Emmanuel kuko we ntitwamenye urupfu rwe uko rwapenze cyanpwa aho yapuye, uko yaba yarapfuye.

∆⇒ ABA NAVUZE SIBO BONYINE BAPFUYE AHUBWO ABO NTAVUZE ARIBO BENSHI CYANE.

∆ AMAZINA Y'ABAPFUYE AKEREKANYWA NIKIMENYETSO CY'UMUSARABA IMBERE Y'AMAZINA YABO

⇒ NGAYO AMATEKA Y'IMBYAMBAYEHO MU NTAMBARA Y'ITSEMBABWOKO NA BAMWE MUBACU BAHITANWE NAYO.

YARI NDORIMANA ELIE MWENE
RWABUKWISI ESIRON + NA
MUKARUTABANA NELIE
UVUKA KANDI UTUYE

CELLULE => BWERAMANA

COMMUNE => MASANGO

PEREFECTURE => GITARAMA.

WIGA MU MWAKA

WA KANE W'UBUHINZI

MU KIGO CY'UBUHINZI N'UBWOROZI
CYO KU KABUTARE "E.A.V.K"
IBUTARE.

AGASANDUKU K'IPOSITA 119

TELEFONE 30.396. BUTARE

Bikorewe => IBWERAMANA

Bikozwe na NDORIMANA
ELIE

le 10.9.1999.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.